**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW' IKIRENGA**

**B.P .2197 KIGALI**

**ICYEMEZO GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA <u>URUKIKO</u>**

Umwaka wa 2023, Umunsi wa gatanu, ukwezi kwa Gicurasi,

Twebwe TUYIZERE Milliere, Umucamanza mu rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashijwe na SIBO Stanislas, umwanditsi muri urwo Rukiko,

Tumaze kubona ko ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Gasabo, bwaregeye uru rukiko, uwitwa **Jean De Dieu NTAWIHA** icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake, icyaha giteganwa kandi kigahanishwa ingingo ya 121 al 3 y'itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ikirego kikandikwa mu bitabo by'Urukiko kuri RP 00899/2021/TGI/GSBO;

Tumanze kubona ko **Jean De Dieu NTAWIHA** mwene Barimucyabo na Ntamabyariro utuye mu Mudugudu wa Cyeru, Akagari ka Mbandazi, Umurenge wa Rusororo, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, muri Repuburika y'u Rwanda, ufite ID: 1198280125522099, Umunyarwanda, ubu akaba akurikiranywe n'ubushinjacyaha nk'uwatorotse ubutabera.

***Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 y'itegeko N0 27/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha,***

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe amatangazo, ku cyicaro cy'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, ku biro by'inkiko zisumbuye zose, mu gihe kingana n'iminsi umunani

Dutegetse ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru cya Leta

Dutegetse ko **Jean De Dieu NTAWIHA** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ku wa 21/09/2023 saa tatu za mugitondo aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari.

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe amatangazo ku cyicaro cy'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, ku biro by'Inkiko zisumbuye zose, mu gihe kingana n'iminsi umunani.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa kuva umunsi cyafashweho

**NUKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE BITYO KU MUNSI UKWEZI N'UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU**

**TUYIZERE Milliere**

**Umucamanza**

**SIBO Stanislas**

**Umwanditsi**